
No 231 Oct-Nov 2020

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IHURIRO RYAHUGUYE KOMITE ZISHINZWE GUKUMIRA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU MITWE YA POLITIKI



Ihuriro kimwe n'Imitwe ya Politiki irigize, bagendera ku mategeko anyuranye agenga umwuga wa politiki mu Rwanda. Muri yo, twavuga cyane cyane, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki, Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro n'abayoboke bayo

Nyuma yo kuvugurura aya Mategeko, Ihuriro ryasanze ari ngombwa ko Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimibirane mu Mitwe ya Politiki, ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali nazo ziganirizwa ku byavuguruwe muri aya mategeko.

Ibi ni ibyagarutsweho mu mahugurwa ya Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki, ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali yateguwe n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki; amahugurwa yabaye kuri uyu wa gatanu tariki ya 20/11/2020; abera muri Hotel Lemigo mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Mu ijambo rye, Umuvugizi w'Ihuriro, Senateri UWERA Pelagie wafunguye aya mahugurwa ku mugaragaro, yavuze ko yateguwe hashingiwe ku myanzuro yafashwe muri ay'amahugurwa yabaye umwaka ushize wa 2019, yahuje abagize Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane ku rwego rw'Igihugu. Icyo gihe hari hasabwe ko hategurwa amahugurwa y'abagize Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali.

Yavuze ko kuganira kuri aya mategeko, bizakomeza gufasha Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki kumenya uburenganzira bwabo bwa politiki n'ibyo basabwa kubahiriza, birimo gukomeza guteza imbere ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu, kubaka demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu, no guharanira imibereho myiza y'Abanyarwanda bose.

Naho Senateri NKUSI Juvenal, Perezida wa Komisiyo ishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Ihuriro, yashimye abatanze ibiganiro, barimo Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rusanzwe rufasha Ihuriro muri gahunda nk'izi zongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki.

Yashimiye kandi uwayoboreye ibiganiro byatanzwe muri aya mahugurwa, Hon. Rutaremara Tito; nawe avuga ko nyuma yo guhugura Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane ku rwego rw'Igihugu, amahugurwa yabaye umwaka ushize wa 2019, hasabwe ko hategurwa amahugurwa ya Komite zishinzwe gukumira amakimbirane ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali, kugira ngo ziganirizwe ku byahindutse mu mategeko agenga by'umwihariko umwuga wa politiki mu Gihugu cyacu. Ko izo nyandiko zose zishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015. Yibutsa ko nk'uko babibonye hari ingingo zitari nke zavuguruwe mu Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki ryo mu 2013 ryahinduwe mu 2018, hari kandi Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro yavuguruwe mu 2018, ndetse n'Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro n'abayoboke bayo, yavuguruwe muri Werurwe 2019.

Yabasabye kwegera abandi bayoboke bakabahugura ku bikubiye muri aya mategeko yose. Bakamenya uburenganzira bwabo bwa politiki, bakamenya n'ibyo batemerewe muri Politiki.

Yasoje yongera gushimira ibitekerezo byubaka abitabiriye amahugurwa batanze kandi asaba ko hakurikizwa inama bagiriwe kugira ngo Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki zirusheho kuzuza neza inshingano zazo.

## IHURIRO RYAHUGUYE IMITWE YA POLITIKI KU BURYO BWO KUNOZA IHANAHANA MAKURU MU MUTWE WA POLITIKI

Ihanahana makuru mu Mutwe wa Politiki kimwe no mu zindi nzego, ni igikorwa cy'agaciro gifasha urwego kugera ku ntego zarwo; ibi ni ibyagarutsweho mu mahugurwa yateguwe n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ku bufatanye n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) ku buryo bwo kunoza uburyo ihanahana makuru mu Mutwe wa Politiki; amahugurwa yabaye kuri uyu wa gatanu tariki ya 30/10/2020; abera muri Hotel Lemigo mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Umuvugizi w'Ihuriro, Senateri UWERA Pelagie wafunguye aya mahugurwa ku mugaragaro, yavuze ko yateguwe hagamijwe muri rusange kunoza uburyo bw'ihanahana makuru mu Mutwe wa Politiki uri mu Ihuriro

Yavuze ko ihanahana makuru mu Mutwe wa Politiki kimwe no mu zindi nzego, ari igikorwa cy'agaciro gifasha urwego kugera ku ntego zarwo. By'umwihariko, yavuze ko Umutwe wa Politiki, ukwiye kugira uburyo buwufasha guhora uganira n'abayoboke bawo, abawushyigikira n'abo wifuza ko bazawutora mu gihe cy'ihiganwa muri politiki. Kugira ngo Umutwe wa Politiki ugire ubutumwa bufatika ugeza ku bayoboke bawo, n'abandi bawushyigikira, ukwiye kuba muri wo ubwawo ufite uburyo bw'ihanahana makuru bunoze (Effective internal communication), kandi abayobozi n'abayoboke bakavugana kenshi ku buzima bw'Umutwe wa Politiki wabo (Permanent dialogue), bityo bikanabafasha kumenya uburyo bategura ibyo bageza ku bandi banyagihugu.

Mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro n'abayoboke bayo, Umuvugizi yavuze ko Ihuriro rifatanyije na RGB basanze ari ngombwa ko abayobozi banyuranye mu Mutwe wa Politiki bahugurwa ku buryo bunoze bw'ihanahana makuru mu Mutwe wa Politiki. Aya mahugurwa yatumiwemo, Umuyobozi ushinzwe itumanaho mu Mutwe wa Politiki, Ushinzwe ubukangurambaga, Ukuriye Urugaga rw'Urubyiruko n'Ukuriye Urugaga rw'abagore rushamikiye ku buyobozi bw'Umutwe wa Politiki uri mu Ihuriro.

Yasoje ashimira RGB yafatanije n'Ihuriro mu gutegura aya mahugurwa, yizeza kuzakomeza ubufatanye n'uru Rwego basangiye inshingano yo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki, no kuzakomeza gufatanya gutegura andi mahugurwa n'ibiganiro bigamije kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo.

Mu ijambo ry'uhagarariye RGB ryavuzwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imitwe ya Politiki n'Imiryango itari iya Leta, Bwana KANGWAGYE Justus, yavuze ko Ihuriro na RGB bafatanya mu bikorwa binyuranye byo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo.

Yagaragaje ko RGB yishimiye iki gikorwa kuko kiziye igihe, kikaba gifasha Imitwe ya Politiki kunoza uburyo bw'ihanahana makuru, haba mu Mutwe wa Politiki ubwawo, haba no ku bandi bafatanyabikorwa bawo.

Yasoje asaba ko ihanahana makuru mu Mitwe ya Politiki ryakomeza gutera imbere, yizeza ubufatanye hagati y'Ihuriro na RGB mu gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo.

Perezidante wa Komisiyo ishinzwe Itumanaho mu Ihuriro Madamu MUTIMUKEYE Nicole wasoje aya mahugurwa, yashimiye abayitabiriye avuga ko guhanahana amakuru mu Mutwe wa Politiki bituma abayobozi n'abayoboke b'Umutwe wa Politiki bahora baganira ku buzima bw'Umutwe wa Politiki, gukemura ibibazo byavuka mu Mutwe wa Politiki no gutanga umusanzu mu kubaka Igihugu no kugiteza imbere.

Yasoje yibutsa ko, Ihuriro rizakomeza kuzuza inshingano zaryo zo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki irigize n'abayoboke bayo, anabashimira ko biyemeje kugira ibyo banoza bituma Imbuga za Interineti zabo zivugururwa, zikajyaho amakuru mashya.

# KUBAKA UBUSHOBOZI BW'ABAGIZE IMITWE YA POLITIKI N'IMWE MU NSHINGANO NYAMUKURU Y'IHURIRO



Ibi ni ibyagarutsweho mu gikorwa cyo gufungura amahugurwa yahuje abayobozi b'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki uri mu Ihuriro, amahugurwa yabaye kuva tariki ya 17-18 Ukwakira 2020, muri Hotel Mater Boni Consilii iri mu Karere ka Huye mu Ntara y'Amajyepfo. Aya mahugurwa yahuje abagore 87 kuri 88 bagombaga kuyitabira, baturuka mu Turere twose tugize iyi Ntara, buri Mutwe wa Politiki ukaba wari uhagarariwe n'abagore umunani (8).

Aya mahugurwa amaze gutangwa mu Ntara eshatu (3); Intara y'Amajyaruguru, Intara y'Iburasiraziba n'Intara y'Amajyepfo, yibanda k'**Uruhare rw'abagore bo mu Mitwe ya Politiki mu bikorwa bya politiki no mu nzego zifatirwamo ibyemezo.** Akaba agamije gushishikariza abagore bo mu Mitwe ya Politiki gukomeza kwitabira ibikorwa bya Politiki no kwitabira guhatanira kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo.

Muri aya mahugurwa, Ikiganiro cya mbere (1) cyibanze k'**Uruhare rw'Umugore mu bikorwa bya Politiki, umugore arashoboye: ibyakozwe, ibiteganyijwe kugerwaho n'ingorane zigihari**. Iki kiganiro cyatanzwe na Hon. Mukasine Marie Claire. Mu kiganiro cye yagaragaje ishingiro ry'uruhare rw'umugore mu bikorwa bya Politiki mu Rwanda. Aho yagaragaje ko uruhare rw'umugore muri ibi bikorwa ari uburenganzira bwe bwemejwe ku rwego mpuzamahanga.

Yavuze ko mu Rwanda, uruhare rw'umugore mu rwego rwa politiki rwari ruto cyane, rukaba rwaratangiye kugaragara nyuma y'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994. Ubushake bw'Abanyarwanda bwo kudaheza abagore mu bikorwa bya Politiki, babugaragaje mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 10 irebana n'Amahame Remezo u Rwanda rugenderaho, cyane cyane amahame avuga ko u Rwanda rwiyemeje "kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya Politiki binyuranye, uburinganire bw'abanyarwanda bose n'ubw' abagore n'uko abagore bagira 30% by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo; kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bwo kubaka amahirwe angana mu mibereho yabo; gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize".

Yavuze ko hashingiwe kuri iri hame, hagiyeho amategeko, ingamba n'ibikorwa bigamije guteza imbere uburinganire bw'abagore n'abagabo no kuzamura ubushobozi bw'abagore mu bikorwa byose by'ubuzima bw'Igihugu. Ni muri uru rwego, umubare w'abagore bari mu myanya ifatirwamo ibyemezo wagiye uzamuka ku buryo bushimishije, aho mu Nteko Ishinga Amategeko, abagore bagera kuri 61.3%, naho ba Minisitiri b'abagore bakaba ari 52.3%, kugeza n'ubwo hari Imitwe ya Politiki ine muri cumi n'umwe (4/11) iyobowe n'abagore.

N'ubwo ibi byose bigenda bigerwaho, Hon. Mukasine yagaragaje ko hakiri ingorane zikibangamira umugore, nk'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ritarumvikana neza mu banyarwanda bamwe; ubumenyi budahagije ku bagore mu bijyanye na tekiniki n'ikoramabuhanga; gutinya imirimo imwe n'imwe bikigaragara ku bagore bamwe; kwinangira kwa bamwe mu bagabo no kuvunisha abo bashakanye mu mirimo y'urugo, kutaboneza urubyaro, ihohoterwa rikorerwa abagore n'abana.

Mu ngamba zo guhangana n'izi nzitizi, harimo gukomeza kubaka ubushobozi bw'abagore binyuze mu ngaga zabo; gukomeza kwigisha no gusobanura neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzunzanye kugira ngo rikomeze kumvikana neza; gushyiraho uburyo bwo gutoza no kumenyereza abagore bakiri bato mu Mitwe ya Politiki(mentorship), n'ibindi.

Ikiganiro cya kabiri (2) cyibanze k'**"Uruhare rw'abagore bo mu rugaga rw'Umutwe wa Politiki mu miyoborere mpinduramatwara"**, cyatanzwe na Hon. Gakuba Jeanne d'Arc. Mu kiganiro cye yibanze ku nshingano z'ubutatu zireba umugore uri mu nzego z'ubuyobozi: umugore nk'umubyeyi, umugore nk'umuyobozi, umugore ugomba gukora akiteza imbere.

Yakomeje agaragaza ko imyumvire y'abantu yazamutse ku isi yose, aho bumva ko abagore bagomba kugira uruhare rufatika mu miyoborere, imibereho myiza n'iterambere ry'Igihugu cyabo muri rusange. Mu nzitizi zigihari, hari uko ihame ry'uburinganire ritarumvikana neza, ku bagabo n'abagore bamwe. Abagabo bakwiye kurushaho kumva inshingano nyabutatu z'abagore, kugira ngo banaborohereze mu kuzuzuza.

Ikiganiro cya gatatu (3) cyibanze kuri **Politiki yo guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Rwanda: ibyagezweho, inzitizi zikigaragara n'ingamba zo kuzikemura.** Iki kiganiro cyatanzwe na Madamu Mukandasira Caritas, Umugenzuzi Mukuru Wungirije mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Igenzura ry'Iyubahirizwa ry'Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Iterambere ry'Igihugu. Mu kiganiro cye yagarutse ku nshingano z'Urwego, uburyo ubugenzuzi bukorwa, ibyagezweho mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uburinganire, agaragaza ingorane zigihari n'ingamba Igihugu gifite kugira ngo ibibangamira iri hame biveho.

Mu ngamba, yagaragaje ubushake bwa Politiki, amategeko na gahunda byashyizweho, ndetse n'inzego zishinzwe gukurikirana umunsi ku wundi ishyirwa mu bikorwa ry'iri hame, muri zo hari Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Inama y'Igihugu y'Abagore (NWC), Urwego rw'Igihugu rushinzwe Igenzura ry'Iyubahirizwa ry'Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO), n'izindi.

Usibye ibi biganiro uko ari bitatu (3), muri aya mahugurwa kandi, intumwa za **Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu** zakoresheje umwitozo (umukoro ngiro) abayobozi b'urugaga rw'abagore baturuka mu Mitwe ya Politiki bitabiriye aya mahugurwa.

Umukoro ngiro bakoze wo gusigasira igisenge, wafashije aba bayobozi kumva ko Imitwe ya Politiki barimo ari nk'injishi, ko kandi gusigasira igisenge (u Rwanda) bigomba gukorwa bose bashyize hamwe, bigashimangira amahitamo y'Abanyarwanda yo gukora demokarasi ishingiye ku bwumvikane, ibiganiro no kudaheza, bagaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, bakanafatanya mu guteza u Rwanda imbere.

Mu mahugurwa nanone, hatanzwe **ubuhamya bugaragaza urugendo umugore yanyuzemo mu nzego z'ubuyobozi zifatirwamo ibyemezo**, kuva ku rwego rw'ibanze, kugera ku rwego rwo kuba mu nzego Nkuru z'Igihugu. Ubu buhamya bwatanzwe na Depite UWERA KAYUMBA M.Alice , Umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda.

Hatanzwe kandi nanone ubuhamya bwa rwiyemezamirimo w'umugore witeje imbere, MUKESHIMANA Chantal akaba yarashoye imari nk'umugore mu bintu bitandukanye bimubyarira inyungu.

Aba bombi bagiriye inama aba bagore bari muri aya mahugurwa kudacika intege; kwicisha bugufi; gutinyuka ukumva ko ushoboye; gutega amatwi abo uyobora no kububaha; kujya inama kenshi n'abo muyoborana; kugisha inama no kwemera kugirwa inama; gusabana n'abo mukorana; kuzuza neza inshingano zawe; kuba umuyobozi n'umubyeyi ukabonera abana umwanya wo kubaganiriza, kubitaho no kubagira inama; kwirinda akarengane ako ari ko kose; gukorera mu mucyo no kwitegura gusobanura ibyo ushinzwe, kudashyira imbere amafaranga, kwirinda ruswa; kwigomwa; kwishyira mu mwanya wundi cyane cyane mu gihe aje akugana agukeneyeho serivisi; kugirira abo mukorana icyizere no kutikunda ngo ushake kwikubira gufata risques mu gihe ari ngombwa; gukunda umurimo no kutita ku biguca intege; kugira amakuru buri gihe; kwigirira icyizere, no gukunda Igihugu. Bavuze ko izi ndangagaciro zose zabafashije, kandi arizo bagenderaho.

Amahugurwa yashojwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana Burasanzwe Oswald, washimye Imitwe ya Politiki yohereje aba bagore muri aya mahugurwa, ababwira ko Ihuriro rizakomeza kongerera ubushobozi izi nzego n'izindi z'Imitwe ya Politiki